

**ITEKA RYA MINISITIRI N° 20/14 RYO KUWA 03/05/2005 RISHYIRAHU URUTONDE RW'IMITI N'IBINDI BINTU NGOMBA BUHANGA MU BYA FARUMASI NTARENGWA BIGOMBA GUSHYIRWA MU NZU Y'IMITI.**

**Minisitiri w'Ubuzima;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nkuko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo za ryo, iya 120 igika cya mbere, iya 121,1° n'iya 201;

Ashingiye ku itegeko N° 12/99 ryo ku wa 02/07/1999 ryerekeye ubuhanga mu by'imiti, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 100 n'iya 101;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 26 Mutarama 2005 imaze kubisuzuma no kubyemeza.

**ATEGETSE:**

**Ingingo ya mbere:**

Inzu y'imiti (farumasi) ni ahantu hose hakorerwa imirimo yo kubika no kudandaza imiti imwe n'imwe n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi kandi iyo mirimo igakorwa n'umuforomo cyanga uwunganira umufarumasiye.

**Ingingo ya 2:**

Hakurikijwe imbonerahamwe iherekeje iri teka, hashyizweho urutonde rw'imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi byangombwa gushyirwa mu nzu y'imiti.

**Ingingo ya 3:**

Inzu y'imiti iyo ariyo yose igomba kugira gusa, kandi ku buryo buhoraho, imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi bigaragara kuri urwo rutonde.

**Ingingo ya 4:**

Ikigo kiranguza imiti icyo aricyo cyose nta bindi kigurisha inzu y'imiti uretse imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga bya farumasi biboneka ku rutonde rwavuzwe.

**Ingingo ya 5:**

Ubugenzuzi bwa farumasi muri Ministeri y'Ubuzima busabwe gukurikirana iyubahirizwa ry'iri teka.

**Ingingo ya 6:**

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

**Ingingo ya 7:**

Iri teka rizatangira gukurikizwa nyuma y'iminsi 60 ritangajwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 03 Gicurasi 2005

Minisitiri w'Ubuzima  
**Dr. NTAWUKULIRYAYO Jean Damascène**

Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika:

Minisitiri w'Ubutabera  
**MUKABAGWIZA Edda**

**URUTONDE RW'IMITI N'IBINDI BINTU NGOMBA BUHANGA MU BYA FARUMASI NTARENGWA BIGOMBA GUSHYIRWA MU NZU Y'IMITI**

| <b>N°</b> | <b>UBWOKO BW'IMITI YEMEWE</b>  | <b>ICYITONDERWA</b>  |
|-----------|--|--|
| 1         | Imiti igabanya ububabare ariko idatesha ubwenge, igabanya umuriro, ivura uburibwe (anti-inflamatoires non-stéoridiens) | Uretse iterwa mu rushinge  |
| 2         | Imiti yica mikorobe (antibiotiques)  | Cotrimoxazole yonyine  |
| 3         | Imiti ivura indwara ziterwa n'ibihumyo (antifongiques)   | Imiti yo kwisiga   |
| 4         | Antiprotozoaires   | Imiti yo kunywa yo mu bwoko bwa imidazolés   |
| 5         | Imiti y'inzoka zo mu nda (Antihelminthiques)   | Imiti yo kunywa nka Mébendazole, Thiabedazole, Albendazole, Piperazine, Lévamizole   |
| 6         | Imiti ya malariya  | Quinine, Amodiaquine + Sulfadoxine – Pyriméthaine n'indi miti ikomatanyije yo kunywa |
| 7         | Imiti ivura <i>allergies</i> (Antiallergiques non stéroïdes)   | Imiti yo kunywa  |
| 8         | Imiti ivura uburibwe bwo mu gifu (antiacides et pansements gastriques)   | Uretse Anti H2, inhibiteurs de la pompe à protons et des analogues de prostaflandine |
| 9         | Imiti ivura impatwe  | Butue-hyocine na Phorogluanol yo kunywa.   |
| 10        | Imiti yongerera amaraso  | Fer, Fer + Acide folique   |
| 11        | Imiti ivura umwuma   | SRO yonyine  |
| 12        | Imiti ivura uburozi  | Charbon activé yonyine   |
| 13        | Vitamine   | Zose zigomba kuba ari izinyobwa  |
| 14        | Imiti ivura amaso  | Iy'amavuta (tetracycline) n'udutonya (Chloramphénicol)                               |
| 15        | Imiti yoroshya mu nda igafasha kwituma   | Iyo kunywa n'iyogucisha mu kibuno  |
| 16        | Imiti yo kwisiga ku ruhu   | Uretse Corticoïdes   |
| 17        | Imiti ivura inkorora   | Imiti yo kunywa  |
| 18        | Udukingirizo   | Utw'abagabo n'utw'abagore  |
| 19        | Inzitiramibu ziteye umuti  | Ubwoko bwose   |
| 20        | Ibikoresho byo kwa muganga   | Ibyo gupfukisha no gutera inshinge   |

Bibonywe kugira ngo byomekwe ku iteka rya Minisitiri N° 20/14 ryo kuwa 03/05/2005 rishyiraho urutonde rw'imiti n'ibindi bintu ngomba buhanga mu bya farumasi bigomba gushyirwa mu nzu y'imiti.

Minisitiri w'Ubuzima  
**Dr. NTAWUKURIRYAYO Jean Damascène**

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

Minisitiri w'Ubutabera  
**MUKABAGWIZA Edda**